| |
|---|
| **Ikinyarwanda II** |
| **033** |
| **04/11/2009 08h30-11h30** |

**RWANDA NATIONAL EXAMINATIONS COUNCIL**

**P.O. BOX 3817 KIGALI -TEL/FAX 586871**

## IKIZAMINI CYA LETA GISOZA ICYICIRO CYA KABIRI CY'AMASHURI YISUMBUYE 2009

**IKIZAMINI: IKINYARWANDA II**

**AMASHAMI: - ENGLISH-FRENCH-KINYARWANDA (EFK)**
**- ENGLISH-KIWAHILI-KINYARWANDA(EKK)**

**IGIHE KIMARA : AMASAHA 3**

**AMABWIRIZA:**

- Ikizamini kigizwe n'ibice bine :
Igice cya mbere : Kumva no gusesengura umwandiko
Igice cya kabiri: Ikibonezamvugo
Igice cya gatatu: Ubumenyi rusange bw'ururimi n'ubuvanganzo
Igice cya kane : Ihimbamwandiko
- Ubahiriza itonde ry'ibibazo uko bikurikirana.
- Subiza muri make uko ubisabwa utarondogoye.
- Kirazira kwandika amazina yawe cyangwa iry'ikigo wigamo mu gice cy'ihimbamwandiko.
- Gusiribanga, guhindagura no guhuza ibisubizo na mugenzi wawe ibitari byo bifatwa nko gukopera.

**Umwandiko wa mbere:**

**ITANGAZAMAKURU, ITUMANAHO N'IKORANABUHANGA MU MAJYAMBERE Y'IGIHUGU**

Itumanaho ni uburyo bwose abantu bakoresha bahererekanya amakuru n'ubutumwa. Ibyo bishobora kunyuzwa mu mvugo, mu nyandiko, mu bishusahanyo n'amafoto, mu mibare, mu muzika n'indirimbo, mu marenga n'ibindi bimenyetso binyuranye. Na ho itangazamakuru n'isangira ryayo tubikenera buri munsi, mu rugo iwacu, mu ishuri, ku kazi, mu nzira no mu muhanda aho tugenda. Iyo duteze amatwi utubwira, iyo tuganira, iyo dusoma cyangwa twandika, tuba tugamije gusangira n'abandi ibitekerezo, ibyiyumviro n'amakuru. Umunyarwanda ati « ibintu biryoha bisangiwe ».

Ikoranabuhanga ni ijambo rigezweho ryumvikanisha ko umuntu yitabaje ubwenge karemano akongeraho ubuhanga, ubumenyi,ubuhanzi na za tekiniki zigenda zivumburwa ashobora kugera ku majyambere akora ibiberanye n'igihe agezemo.

Muri uyu mwandiko turagerageza kuvuga mu magambo avunaguye ku bikoresho by'itangazamakuru n'itumanaho Abanyarwanda bamenyereye ari byo radiyo, televiziyo, telefoni na mudasobwa.

Radiyo ni ingenzi ni na yo yabibimburiye. Inyaruka nk'umurabyo, igera kure, mu byaro iwacu ihagera nta makaraza, n'abatazi gusoma ntiibahêeza, abigunze iwabo mu kitumvingoma irabasusurutsa. Ivuga indimi nyinshi : iz'amahanga n'iz'iwacu, urufefeko n'urukonjo rw'uwaraye avutse wiga kuvuga irarutwimvisha ; cyane cyane iyo umutaramakuru ashiritse ubute, akadusanga iwacu ku mbuga, aho tugandagaje mu midugudu, mu mpinga n'amabanga y'imisozi, mu birâaro twororeramo cyangwa mu migende iyo mu bishanga, akaduha urubuga atatuniganye ijambo. Idusangiza ijambo ; tukungurana inama.

Radiyo ni kabarankuru, itangaza izo ifitiye gihamya n'izo itahagazeho, iyo inkomoka yazo yizewe. Ibara inkuru zishyushye, iz'imvaho n'impuha, izihûumuriza n'iz'incamugongo, izabaye kimomo n'izatagira shîinge, izisetsa n'izibabaje, ikongeraho n'amateka twita inkuru. Imenyesha amahanga intambwe igihugu kimaze gutera ishaje.

Radiyo ni umumararungu, ni inganirizi. Iratuganiriza ikatujijura, iyo duteze yombi ibiganiro binyuranye dore ko ari uburo buhuye. Itugezaho ibyerekeye uburere n'umuco, ubuvuzi n'ubuzima bwiza, ukuri n'ubutabera, ubumwe n'ubwiyunge, ubuhinzi n'ubworozi, ubukungu, uko twarengera ibidukikije n'ibindi ntarondoye. Idushyikiriza amabwiriza y'ubuyobozi. Yemwe ishyushya urugamba pe !

Ntiyibagirwa ko abayumva bakeneye kwidagadura. Itugezaho inkuru z'imikino, amasiporo, ingororangingo n'uko abakinnyi barushanwa kwesa imihigo no kwegukana imidende.

Iratunyura iyo ituririmbira, abasaba n'abaturwa indirimbo bakizihirwa. Amakinamico atwibutsa byinshi ku myitwarire n'imibanire yacu. Radiyo itumara irungu inatwigisha. Itwibutsa inkêerâ n'ibitaramo bya kera. Ni mudatenguha dutuma kenshi ku ncuti n'abakunzi, mu byishimo tubamenyesha, iyo twamamaza ibyo ducuruza na bwo turayigana, aka ya mvugo ngo « umukobwa wabuze umuranga yaheze mwa nyina .» No mu byago radiyo iratugoboka mu matangazo abîka abitabye Rurema asâba abenshi kwihutira gutabara no gufata mu mugongo abasigaye.

Burya kandi ngo irahendutse n'ushaka agakwîira mu mufuko akabona kuri make, ubundi agacungana n'utubuye ashyiramo. Nta bitsinga birebire, ibisahani n'ibisoma ibimenyetso ikenera (TV). Iratemberanwa, iraherekeza. Bahinga bayumva, dutashya tuyumva, duteka tuyumva, mu modoka, mu biro, mu muhanda ku maguru, tuyumva turyamye, twicaye cyangwa duhagaze.

Radiyo yahimbwe mu 1895 n'umutariyani Guglielmo Marconi. Mu Rwanda yahasesekaye gato mbere y'ubwigenge. Inzu ya Radiyo Rwanda i Nyarugenge yatashywe ku ya 19 Gicurasi 1961. Yabanje kuyoborwa n'umubirigi, M. Castermans, na ho mugenzi we René Bruyr yari ashinzwe gahunda n'imikorere yayo. Yageraga ku bantu batarenga ibihumbi bitatu(3000), babarirwagamo abatware, abasushefu, abihayimana, abanyamahanga n'abacuruzi bake babaga i Kigali mu mujyi. Ba kavukire batangariraga ako gasanduku kavugaga, kakivovota ubutaruhuka. Bakoraga ingendo bagiye kuvumba ibiganiro badasobanukiwe. Ngo iby'ikubitiro byari amakuru n'ibiganiro ku bworozi.

Mu 1963 Radiyo y'Abadage (Deutsche Welle) yashyikirije Radiyo Rwanda insakazamajwi ya kilowate 50 dore ko yari imaze kubaka no gushinga iminara yayo i Kinyinya. Mu 1968 ni bwo hubatswe inyumba y'umuturirwa ya Radiyo Rwanda tubona i Nyarugenge, imwe ngo « igendwa n'abayizi abatayizi bagashya ibirenge ». Mu 1978 ni bwo yakoresheje insakazamajwi zikoresha amajwi ya FM (modulated frequency) bituma yumvikana kuri 80 ku ijana (80%) y'ubutaka bw'u Rwanda. Mu 1990 hashyizweho ibigo by'uturere bishinzwe itangazamakuru, bimwe byaje guhinduka ibyicaro bya radiyo za rubanda. Kuva mu 1994 ubushobozi n'ibikoresho byariyongereye, n'amaradiyo yigenga yahawe urubuga arisanzura – avuka umusubizo-. Inyakiramajwi na zo ngo ubu zitunzwe n'abagera kuri 48% ku baturage bose.

Televiziyo si byinshi tuyivugaho. Yahimbwe na John Logie Baird wa Sikotilandi mu 1926, yaje yongera amafoto ku majwi. Mu 1940 ni bwo yakoresheje amabara anyuranye; ntitana n'icyo twita kamera. Umushinga wayo mu Rwanda watangijwe ku nkunga y'amahanga mu wa 1990. Ku itariki

ya 30 ukuboza 1992 yasohoye amajwi n'amashusho bwa mbere. Intambara na jenoside yibasiye abatutsi ntibyayirebeye izuba, kuko yongeye gukora bya nyabyo mu 1997. Abanyarwanda bakaba bategereje ibigo by'amateleviziyo yigenga n'ishyuushyu ryinshi.

Ikindi gikoresho cy'itumanaho abanyarwanda benshi bamaze kumenyeera ni telefoni. Yavumbuwe n'umunyamerika Alexander Graham Bell ku wa 10 werurwe 1876. Amagambo ya mbere yavugiyeho ni aya: « Bwana Watson, banguka ndagukeneye ». Uwo yari umukozi we bafatanyije ubushakashatsi. Kuva ubwo kugeza ubu, yagiye inonosorwa; kuva ku rutsinga rwakururaga amajwi ruyageza mu mazu atuwe, cyangwa akorerwamo kugera ku maposita n'utuzu twacuruzaga iryo tumanaho rishya.

Amatelefoni yatejwe imbere burundu n'itumanaho rishingiye ku byogajuru (satellites) guhera mu 1970. Kuva ubwo, umuntu aho ari hose kw'isi ashobora kuvugana n'undi uri iyo bigwa, ku yindi migabane nta nkomyi abikesha amajwi n'amashusho basakazwa n'ibyo byuma.

Amatelefoni ntayegayezwa yahindutse karahanyuze; ubu ayagendanwa ni yo akoreshwa cyane. Izo zamamaye hagati ya 1980 na 1990. Mu mwaduko wazo zaguraga umugabo zigasiba undi. Uko iminsi yagiye yicuma, ni ko zagiye zihenduka. Tumaze kumenyera amazina nka Nokia (Finland), Sony (Japan), Motorola (US), Siemens (Germany) n'andi. Ibyiza byazo si bike. Zikwira mu mufuko, zitwarwa nta mbogamizi. Zirahamagara kandi zikitabirwa aho ari ho hose keretse iyo zidashoboye kwakira urusobe rw'amajwi ava ku minara yabugenewe (network), bikaziba amatwi, bikazigoba ururimi.

Zigabanya ingendo z'urudaca no gucumbika nta mpamvu. Ziravunyisha, zoroshya ubucuruzi n'ubuhahirane, zikwirakwiza inkuru za mpuruyaha, ibihuha n'ibinyoma. Zunganira abashinzwe umutekano n'abayobozi mu nzego zose. Izinonosoye zigira uturusho.

Zishobora kwakira no kohereza ubutumwa bugufi bwanditse burimo n'amashusho; hari izifotora zikabika n'izireberwaho amafoto akomoka ahandi. Indorero (screen) yerekana isaha, itariki, indangabihe n'udukino dutyaza ubwenge.

Binyuze kuri Interineti kandi hari izishobora gusomerwaho ibinyamakuru n'ibitabo. Hari amatelefoni arimo amaradiyo, bityo akatugezaho ibyo radiyo isanzwe icisha mu majwi. Iziteye imbere zongeraho n'amashusho ya televiziyo. Ishobora no kwandikirwaho nka mudasobwa. Muri make, telefoni igendanwa nk'uko abakera babivugaga mu gisâakuzo ni nyabugenge n'ubugenge bwayo, ni rukomatanya, ni imberabyinshi.

Gukora ku rutsinga mu Kinyarwanda bisobanura guterefona umuntu, kumuhamagaza telefoni.

Mudasobwa ni agahebuzo, ni indibagizabaswa, ni gahuzabuhanga. Ikora imibare nk'aho uvugiye aha. Irateranya, ikagabanya, irakuba, ikuramo, irasobanura ikagisha inama , yerekana ibishushanyo n'amafoto nka televiziyo, irandikishwa, igacapa ibisomwa. Yunganira umuntu mu mirimo inyuranye: muri byinshi imuba hambavu nka iyo igenzura amazi, amashanyarazi, telefoni, itumanaho kuko zishobora kohererezanya ubutumwa hagati yazo; ikoreshwa ibaruramari n'itegenyamigambi. Igenzura akazi mu nganda, ubwikorezi mu mazi magari, mu kirere, muri za gari ya moshi no ku mihanda, n'ibindi.
Utaramenya kuyikoresha agereranywa n'utazi gusoma no kwandika.

Inkomoko yayo ni akamashini kabara kakozwe na Blaise Pascal mu 1642 yunganiwe n'umudage Leibniz mu wa 1670. Yateye intambwe idasubira inyuma mu 1940 hamaze kuvumburwa taranzisitoro zishobora kubika byinshi na za silikoni mu 1960. Ibyo byatumye mudasobwa zibika byinshi mu bwonko bwazo, zirushaho umuvuduko mu mirimo zisabwa, zirushaho guhenduka, no kubikwa ahantu hato. Byabaye akarusho mu 1981 Adam Osborne akoze izigendanwa (laptops), akurikirwa muri mutarama 1982 na Bill Gates afatanyije na Kazuhiko Nishi muri Microsoft. Ubu iwacu intego ni iyo kugeza kuri buri mwana wiga amashuri abanza icyo gikoresho cy'ingirakamaro. Izingiro ry'insobe zose z'itumanaho ryatumye ihabwa agaciro k'ikirenga. Interineti yageragejwe hagati ya 1970 na 1980. Ibaruwa ya mbere yoherejwe nayo yanditswe mu 1971. Mu 1989, Sir Tim Berners Lee yavumbuye impuzansobe (www) igereranywa n'urucundura ruhuza insobe z'itumanaho ku isi yose. Ubu hashize imyaka makumyabiri interineti tuzi ihuza abatuye isi yacu, bandikirana, basangira ibitekerezo. Ubu gutara, gutunganya no gutangaza amakuru byitabaza mudasobwa kabuhariwe. Ubushakashatsi, ubumenyi, itumanaho n'imirimo inyuranye byayungukiyeho byinshi.

Dusoze tuzirikana imigani y'abasokuruza bacu itwibutsa ko tugomba gufungura umutwe, amatwi n'amaso, twigire byinshi ku bandi, dusangire ijambo, twungurana ibitekerezo:

- Ubwenge burarahurwa.
- Akanyoni katagurutse ntikamenya iyo bweze.
- Amagambo atavunaguye ntakwira mu ruhago.
- Kugenda bitera kubona.
- Kubaza bitera kumenya.

## IGICE CYA MBERE

### A. KUMVA NO GUSESENGURA UMWANDIKO (amanota 24)

**N.B. Sobanura mu magambo yawe bwite. Kwandukura interuro z'umwandiko uko zakabaye cyangwa igice cyazo bifatwa nko gukopera.**

1. Umugabo Sir Tim Berners Lee tumukesha iki? Kuva ryari? **(inota 1)**

2. Itangazamakuru n'ikoranabuhanga bifite uruhe ruhare mu majyambere y'igihugu cyacu? Bitangire ingero 2 ziri mu mwandiko ku itangazamakuru n'ebyiri ku ikoranabuhanga. **(amanota 2,5)**

3. Andika imimaro itatu ya radiyo iri mu mwandiko. **(amanota 1,5)**

4. Radiyo Rwanda na Televiziyo Nyarwanda bihuriye he? Bitaniye he? Byatangiye ryari? **(amanota 1,5)**

5. Andika amazina y'abahimbye telefoni, televiziyo, radiyo, mudasobwa igendanwa. Babihimbye ryari? **(amanota 2)**

6. Uhereye ku mwandiko sobanura akamaro k'ibyogajuru (satellites) mu itumanaho n'itangazamakuru. **(inota 1)**

7. Erekena ibintu 3 radiyo irusha televiziyo ku badafite amikoro ahambaye. **(amanota 1,5)**

8. Sobanura ibyiza 4 bya telefoni mberabyinshi igezweho ariko igendanwa. **(amanota 4)**

9. Telefoni igendanwa ishobora ite guteza imbere igihugu cyacu? Hera ku mwandiko ugaragaze uburyo bubiri (2). **(inota 1)**

10. Abashakashatsi n'abazirikana bemeza nta shiti ko mudasobwa (computer) ari kimwe mu byahimbwe bishya byahinduye imibereho ya muntu muri iki kinyejena cya 21. Ubivugaho iki? Tanga ingero eshatu (3) zishimangira icyo wemeza. **(amanota 2)**

11. U Rwanda rwemera ubwisanzure bw'itangazamakuru : andika amazina y'amaradiyo yigenga 4 akorera mu gihugu cyacu. **(amanota 2)**

12. Ubuyobozi bukoresha bute iyi miyoboro ine (4) kugira ngo bushyikirane n'abayoborwa : radiyo, televiziyo, telefoni, mudasobwa ? **(amanota 2)**

13. Kuvumbura ikintu bitaniye he no kugihanga ? **(inota 1)**

14. Ngo «Aho kunigwa n'ijambo wanigwa n'uwo uribwiye».
Sobanura uwo mugani mu nteruro ebyiri (2) nibura. **(inota 1)**

**B. INYUNGURAMAGAMBO** **(amanota 13)**

15. **Sobanura amagambo akurikira dusanga mu mwandiko ukoresheje ayawe bwite.** **(amanota 13)**

a) inyâkiiramâjwi

b) kugobwa ururimi

c) amakarâza

d) ikitumvingoma

e) urufêfeko

f) inkuru y'imvaho

g) kuba kimomô (inkuru)

h) ingaanirizi

i) urukerereza(bagenzi)

j) gufâta umuntu mu mugongo

k) kuba haâmbavu

l) kudâsobwâ

m) umuturirwa

**IGICE CYA KABIRI: IKIBONEZAMVUGO** **(amanota 35,5)**

16. **Andika ubwoko bw'amagambo aciyeho akarongo, inteko z'amazina n'ibinyazina cyangwa ngenga ku nshinga zitondaguye.** **(amanota 5)**

a) Radiyo ni Mudatenguha, dutuma ku ncuti zacu mu byishimo no mu byago.

b) Mudasobwa ibika byinshi, ikora vuba, ikemura ibibazo bitabarika.

17. **Garagaza intêgo n'amategeko y'igenamajwi yubahirijwe mu magambo aciyeho akarongo.** **(amanota 13,5)**

a) Radiyo ni inganirizi igera henshi nta mbogamizi no mu ibyago tuyinyuzaho amatangazo yo kubĩka.

b) Telefoni yatêejwe imbere n'ibyogajuru, ihenduka ry'amabuye zicurwamo n'isakara ry'ikoranabuhanga.

c) Mudasobwa yabaye agahebuzo n'imbarutso y'ubumenyi butagira ingano.

d) Dusangira amakuru duteze yombi, tubikora kandi mu imvugo no mu inyandiko.

18. **Ubutinde bw'imigemo n'amasaku**

a) **Uzuza, tandukanya amagambo yandikwa atya ukoresheje ubutinde bw'imigemo n'amasaku ariko ugabanya ibimenyetso.** **(amanota 5)**

- gutembera (ahantu kw'amazi) ≠.........(kugendagenda)
- impinga (y'umupfumu) ≠.........(y'umusozi)
- kumenyera (ikintu ku kimenyetso) ≠.......(kugira akamenyero)
- ikiraro (bororeramo amatungo) ≠......... (bambukiraho)
- kwakira (amajwi) ≠......... (by'umuriro)

b) **Garagaza ubutinde bw'imigemo n'imiterere y'amasaku ugabanya ibimenyetso kuri iyi nteruro:** **(amanota 7)**

Icyicaro cya Radiyo Rwanda kiri i Nyarugenge mu muturirwa ufite ibikururamajwi bitunze impande zose.

19. **Koresha inyandiko nyemvugo kuri aya magambo**: **(amanota 5)**

«Iranyaruka, irahendutse, ntaho ihezwa, iracapwa, ni ingorabahizi ikoreshwa n'abahemu» (Interineti-Impuzansobe).

**IGICE CYA GATATU: UBUVANGANZO** **(amanota 12,5)**

**Umwandiko wa kabiri:**

Nsuhuze abasangirangingo,
Abasomyi b'agatama ntibabarika
Nyamara ab'ibitabo n'inyandiko
Zindi baranga bakaba ingûme.
Ngo nta mikoro nta bushobozi
Ntaa mwanya ntituuzi gusoma.
[...]

20. **Subiza ibi bibazo by'ubuvanganzo mu mwandiko wa kabiri.**

a) Garagaza umubare w'utubeshuro muri iyo mirongo itandatu, werekana uko utubona. **(amanota 2,5)**

b) Ese hari isubirajwi wumva ryiganje mu mikarago ibiri irangiza (5-6)? **(inota 1)**

c) Sobanura ubwoko bw'imizimizo dusanga muri izi nteruro: garagaza icyo umuhanzi yashatse kuvuga. **(amanota 5)**

- imikarago ya 2, 3 na 4.
- Radiyo ni umumararungu.
- Inyaruka nk'umurabyo.
- Nyabugenge n'ubugenge bwayo.
- Dukunde u Rwanda rwatubyaye.

21. **Ubuvanganzo n'ubumenyi bw'ururimi**

a) Andika ibyiza bibiri (2) by'impuzansobe Interineti n'ibibi bibiri (2) ishobora kugeza kubayikoresha. **(amanota 2)**

b) Uhereye ku nganzo y'urwenya, andika byenda gusetsa itarenze imirongo itanu kuri radiyo cyangwa kuri telefoni igendanwa. **(inota 1)**

c) Mu kinyarwanda umugani mugufi twita uw'umugenurano utaniye hehe n'umugani muremure ? (Tanga ingingo ebyiri zisobanutse) **(inota 1)**

**IGICE CYA KANE: IHIMBAMWANDIKO** **(amanota 15)**

22. **Hitamo imwe muri izi nsanganyamatsiko ebyiri (2) uyiramburemo umwandiko muremure w'imirongo mirongo itatu (30) y'amagambo yose hamwe nibura 210.**

a) Ubwenge burarahurwa. *(Werekeze ku mwandiko wa mbere)*

b) Itangazamakuru, itumanaho n'ikoranabuhanga bizateza imbere igihugu cyacu.

**Icyitonderwa**:

- Kirazira kwandika amazina yawe cyangwa ay'ikigo wigamo.